Egera Imana mu isengesho (Igice cya 3)

Bishingiye ku gice cya 17 cy'igitabo *Ni iki Bibiliya yigisha?* kiboneka ku rubuga rwa jw.org/rw.

INTEGO: Suzuma ibyo wizera n'impamvu ubyizera, usuzume icyo Bibiliya yigisha, maze urebe uko wasobanurira abandi ibyo wizera.

ESE KOKO IMANA ISUBIZA AMASENGESHO YACU?

1 SUZUMA IBYO WIZERA

Kuki hari ababyemera?

Kuki hari ababihakana?

Wowe wizera ko bimeze bite?

Kuki ari uko ubyemera?

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

2 SUZUMA ICYO BIBILIYA YIGISHA

Imana isubiza amasengesho mu buryo butandukanye.

(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha, igi*ce cya 17 paragarafu ya 16-18.)

Soma mu Migani 12:25; Abaheburayo 1:13, 14; no muri Yakobo 2:16.
Yehova asubiza amasengesho yacu ate akoresheje abamarayika n'Abakristo bagenzi bacu?

Soma mu 2 Abakorinto 4:7.
Iyo turi mu bigeragezo tugasenga, ni iki Yehova ashobora kuduha kikadufasha kubyihanganira?



Kimwe n'umubyeyi w'umunyabwenge uhitamo igihe gikwiriye cyo guha abana be ibyo bakeneye, Yehova nawe ahitamo igihe nyacyo asubirizamo amasengesho yacu.

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Tugomba gusenga ubudacogora, twizeye ko Yehova azasubiza amasengesho yacu.

(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha, igi*ce cya 17 paragarafu ya 19-20.)

Soma muri Luka 11:5-10.

Kuki tugomba gukomeza gusenga niyo twaba tubona Yehova asa naho atinze kudusubiza?

Soma mu Bafilipi 4:13.

Usibye kudukuriraho ibibazo twasenze tumubwira, Yehova ashobora gusubiza amasengesho yacu ate?

Yehova yasubije ate amasengesho *yawe*? Tanga ingero.

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

3 SOBANURIRA ABANDI IBYO WIZERA

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI . .

Imana ntisubiza amasengesho yacu kuko itatwitaho.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI . . .

Birababaje ko ari uko abantu benshi babibona. Icyakora dore icyaduhumuriza . . .

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI . . .

Imana yagombye guhita isubiza amasengesho yacu kubera ko ishoborabyose.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI . . .

Abantu benshi ni uko babibona, ariko tekereza kuri ibi bikurikira. . . .

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania